Icyigisho cya 3 cyo ku wa 18 Nyakanga 2026



# UBUMWE MURI KRISTO


"Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama" (1 Abakorinto 1:10)

Pawulo amaze kuramutsa Abakorinto no kubashimira gukura kwabo mu bya mwuka, yakomeje avuga ku kibazo cya mbere mu bibangamiye iryo torero: kubura ubumwe.

Mu nzindiko zose Pawulo yandikiye Abakorinto, ndetse n'izindi yanditse, tubona uburyo aduha amabwiriza yo gukemura iki kibazo, gishobora no gushegesha amatorero yo muri iki gihe.

Ingingo imwe yumvikana neza, uhereye mu ntangiriro: ubumwe mu itorero ntibushobora kugerwaho kubw'imbaraga za muntu. Ubumwe bwagerwaho gusa binyuze mu guhanga amaso kuri Yesu.





- Ibibazo bitera kwirema ibice:
  - Amakimbirane no kwirema ibice
- Uburyo bwo kubungabunga ubumwe:
  - Ubumwe muri Yesu
  - Ubwenge no gukura
  - Gukorera abandi no kwicisha bugufi
  - Kubaha abayobozi

# IBIBAZO BITERA KWIREMA IBICE

# AMAKIMBIRANE NO KWIREMA IBICE

"Ariko bene Data, ndabingingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhuje imitima n'inama."
(1 Abakorinto 1:10)



**Kwirema ibice kwari mu itorero ry'i Korinto ni ukuhe (1 Abakorinto 1:12)?**

Abayobozi batari bamwe bari baranyuze i Korinto, kandi buri mwizera yari afite umubwiriza we akunda cyane (Pawulo, Apolo, Petero…). Ibi byari byarageze aho bitera amakimbirane hagati yabo (1 Abakorinto1:11).



Kubwo kutamenya ko bose babwirizaga ubutumwa bumwe, bibandaga ku bintu bidafite agaciro (1 Abakorinto 3:5–8).

Buhoro buhoro, byagize ingaruka ku buzima bw'itorero (1 Abakorinto 3:3). Kutagira ubumwe byahinduye uburyo bwo kujya ku Ifunguro ry'Umwami (1 Abakorinto 11:33), ndetse bagera n'aho baregana mu nkiko (1 Abakorinto 6:1).





# UBURYO BWO KUBUNGABUNGA UBUMWE

# UBUMWE MURI YESU

"Imana ni iyo kwizerwa, yabahamagariye gufatanya n'Umwana wayo Yesu Kristo Umwami wacu." (1 Abakorinto 1:9)



"Mbese Kristo yagabanijwemo ibice? Pawulo ni we wababambiwe? Cyangwa mwabatijwe mu izina rya Pawulo?" (1 Abakorinto 1:13). Muri ibi bibazo, Pawulo arashaka ko bīnīra bakibaza.

Ubumwe bushobora kugerwaho gusa iyo tugize Yesu Umwami wacu. Ubumwe ntibuzanwa no gukurikira mitekerereze cyangwa ibitekerezo bya mwenedata, cyangwa kubwo gushinga amatsinda mato.

Ariko ubumwe muri Yesu ntibuvuze gukora ibintu kimwe. Ntibisobanura ko twese twatekereza kimwe kuri byose, cyangwa ko twese dukore kimwe.

Haba ugutandukana guto kw'ibitekerezo cyangwa se buri wese akagira impano zidahuriweho, iyo Yesu ari We zingiro, haba ubumwe aho kubyara kwirema ibice (1 Abakorinto 12:12–13, 25, 27).

Ubumwe mu itorero bugerwaho gusa iyo umuntu apfuye ku narijye, akabaho kubwa Yesu.

# UBWENGE NO GUKURA

"Bene Data, sinabashije kuvugana namwe nk'uvugana n'ab'Umwuka, ahubwo navuganye namwe nk'uvugana n'aba kamere, cyangwa abana b'impinja bo muri Kristo." (1 Abakorinto 3:1)

**Pawulo yita Abakristo badakuze "impinja muri Kristo," "aba kamere" (1 Abakorinto 3:1). Bene aba Bakristo bibanda cyane ku bantu kuruta Yesu.**

**Iyo abayobozi bamwe bahawe agaciro gatuma abandi bakabura, havuka amatsinda acamo itorero ibice. Ibi ni ingaruka zo kudakura. Kubw'ibyo, Pawulo aturarikira kugera ku gukura muri Kristo (1 Abakorinto 2:6).**

## Abadakuze



Bameze nk'impinja (1 Abakorinto 3:1)



Batungwa n'amata (1 Abakorinto 3:2)



Ni aba kamere (1 Abakorinto 3:3)



Bayobywa n'ibitekerezo by'abandi (1 Abakorinto 3:4)

## Abakuze



Ni abantu bakuze (1 Abakorinto 14:20)



Barya ibyokurya bikomeye (Abaheburayo 5:14)



Ni ab'umwuka (1 Abakorinto 2:13)



Bafite ubushishozi bwo mu bya mwuka (1 Abakorinto 2:14)

# GUKORERA ABANDI NO KWICISHA BUGUFI

"Nuko rero abantu bajye badutekereza yuko turi abakozi ba Kristo, n'ibisonga byeguriwe ubwiru bw'Imana.." (1 Abakorinto 4:1)

Nk'uko biri muri iki gihe, mu kinyejana cya mbere abantu barimo ibice bitewe n'imitekerereze ya politiki, ubucurabwenge, amadini n'ibindi. Ni gute twakwirinda ko ibyo byakwinjira mu itorero bigatera kwirema ibice?









Inyifato y'umuyobozi igira uruhare runini. Abayobozi b'itorero bagomba kumenya neza inshingano zabo nk'ibisonga. Si ba nyir'itorero; ahubwo baryitaho kubwa Kristo gusa.

Umuyobozi w'itorero ni Yesu, abandi bose baryitaho nk'"abagaragu ba Kristo" (1 Abakorinto 4:1).

Umugaragu uyobora agomba kwitwara nk'uko Umwami we yitwara: ahora yiteguye kwicisha bugufi kugira ngo akorere abandi (Abafilipi 2:3–8).

Ni ubuhe bumwe bwaba mu itorero, buri wese—atari abayobozi gusa, ahubwo na buri mwizera wese—aramutse akoze atyo?





# KUBAHA ABAYOBOZI

"Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava." (1 Abakorinto 4:2)




Kuba hābaho amakimbirane no kwirema ibice mu bayobozi, ntibivuze ko tugomba kubanga. Ibiri amambu, Pawulo yashyigikiye kandi arengera ubutumwa bwa Apolo ndetse n'umurimo we i Korinto (1 Abakorinto 3:5–6; 4:6; 16:12).

Iyo abayobozi bakoze mu budahemuka, baba bakwiriye kubahwa (1 Abakorinto 4:2; 1 Timoteyo 5:17). Ariko nubwo batahabwa icyo cyubahiro, bakomeze kuba indahemuka nk'abazi ko ari Imana ubwayo ibacira urubanza, atari abantu (1 Abakorinto 4:3-4).





Frank na Walter Bond ni bo babaye abamisiyoneri ba mbere muri Esipanye. Walter yasinziriye mu 1914 azira ukwizera kwe.

Abayobozi b'Abakristo batera ikirenge mu cya Yesu iyo bemeye kubabazwa kubera abavandimwe babo, ndetse byaba ngombwa bagapfira umurimo wabo (1 Abakorinto 4:11–13; 2 Abakorinto 11:23–28).

Abayobozi cyangwa abizera ntibahamagariwe kurwana cyangwa impaka, ahubwo ngo bunge ubumwe mu guhimbaza Yesu no kubwiriza ubutumwa bw'umusaraba.



**“Nta kintu na kimwe gishobora gutunganya ubumwe nyakuri mu itorero uretse umwuka wa Kristo wo kwihanganirana. Satani ashobora kubiba amakimbirane; Kristo wenyine ni We ushobora guhuza abatavuga rumwe…. Iyo wowe nk’umukozi w’itorero ukunda Imana cyane kandi ugakunda mugenzi wawe nk’uko wikunda, nta mbaraga zizaba zisabwa zo kugira ubumwe, hazabaho ubumwe muri Kristo, amatwi abangurirwa kumva amabwire azazibwa, kandi nta muntu uzagira icyo avēba mugenzi we. Abagize itorero bazimika urukundo n’ubumwe kandi babe umuryango umwe ukomeye. Nibwo tuzaba dufite ibimenyetso ku isi bizahamya ko Imana yohereje Umwana wayo ku isi.”**

**E.G. White, *Reflecting Christ*, July 5**